**ISHAMI RY'UBUZIMA**

Mu rwego rw'Ubuzima Akarere ka Gakenke gafite ibitaro 3, ibitaro bya Nemba, ibitaro bya Ruli, n'ibitaro bya Gatonde. Gafite Ibigo Nderabuzima 23, ibigo ntango by'ubuzima bizwi ku zina rya poste de santé communautaire 58 n'ibindi 8 birimo kubakwa bitaruzura neza. Ku bitaro hatangirwa Servisi nyinshi kandi zisaba ubumenyi n'ibikoresho byihariye.

Hari serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze butangwa n'Ibigo Nderabuzima aho abarwayi bagana abaforomo bakababavura uburwayi burenze ubushobozi bwabo bakabohereza ku bitaro by'Akarere , serivisi y'ubujyanama bw'ubuzima aho ababyeyi batwite n'abana bahabwa inkingo, serivisi y'imibereho myiza aho abana bagaragaweho imirire mibi bitabwaho.

Mu Karere ka Gakenke har'Ishami ry'ubuzima rimwe mu mashami atandukanye agize Akarere bakurikirana umunsi ku wundi ibikorwa by'Ubuzima uko bikorwa, gushakira abakozi Ibigo by'Ubuvuzi binyuze mu buvugizi bwo kongera abakozi , gukurikirana imikorere n'imitangire ya serivisi.
Mu bakozi bahari hari Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima , Umukozi ushinzwe gukumira indwara no guteza imbere ubuzima, umukozi ushinzwe Mutuelle no gukurikirana imibare y'ubuvuzi , umukozi ushinzwe isuku ndetse n'umukozi ushinzwe gukurikirana Ingo mboneza mikurire no kurandura Imirire mibi (ECD).

**UBWISUNGANE MU KWIVUZA**

Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza mu Karere ka Gakenke imaze gushinga imizi aho Akarere kageze kuri 96,4% mu kwezi kwa Werurwe 2021.

Abaturage bakangurirwa kwishyurira igihe ubwisungane mu kwivuza hifashishijwe ibimina kugirango buri rugo rwishyure ubwisungane mu kwivuza.

**ABAJYANAMA B'UBUZIMA**

Abajyanama b'ubuzima ni uwego rukomeye mu mudugudu kuko bahawe ubushobozi buhagije mu kwita kubarwayi cyane cyane abana bari munsi y'imyaka itanu aho babavura indwara zitandukanye ku bana badafite ibimenyetso mpuruza abandi bakabohereza ku Bigo Nderabuzima , ikindi bavura Malaria ndetse batanga n'uburyo bwo kuboneza urubyaro no gukangurira abaturage kwirinda indwara,

batanga n’imiti ku barwayi b’igituntu , gupima abagore ikizamini niba batwite ( urine test ). mu Karere hose hari Abajyanama b’ubuzima 2468.

Muri iyi myaka itanu ibipimo by’ubuzima byagiye bizamuka harimo ubwishingizi mu kwivuza 94.1% muri 2019/2020 bivuye kuri 92% muri 2014/2015,